UMWEPISKOPI YASUYE ABAKRISTU BA CENTRALE NYABIRASI

Kuri iki cyumweru tariki ya 24/03/2019, Umwepiskopi yasuye abakristu ba Centrale ya NYABIRASI. Iyi Centrale ni imwe muri Centrale za Paruwasi ya Nyundo ziri kure yayo. Nk'uko ajya abikora ku Cyumweru muri za Paruwasi zinyuranye cyangwa Centrale ya Paruwasi runaka n'i Nyabirasi, Umwepiskopi yahaturiye Igitambo cya Misa kuri iki cyumweru cya gatatu cy'igisibo. Mu Nyigisho y'iki cyumweru, Umwepiskopi yagarutse cyane ku mugenzo wo guhinduka mu bukristu bwacu, bigaragazwa cyane no gukora ibikorwa by'urukundo, kubana neza n'abandi aho turi, twifurizanya ibyiza kandi dushyigikirana mu iterambere ryacu twese.

Kiliziya ya Centrale ya Nyabirasi, Misa ihumuje.

Nyuma y’Igitambo cya Missa, Umwepiskopi yagize umwanya wo gutembera ahateganywa kuzubakwamo inzu izaba icumbi ry’Abapadiri mu gihe Centrale ya Nyabirasi, iri kure ya Paruwasi ya Nyundo izaba ibaye Paruwasi. Mu bigaragara, ubona ko abakristu ba Centrale ya Nyabirasi bakataje, mu mirimo itegura ko Centrale ya Nyabirasi yazaba Paruwasi.

Mu ijambo rye, Umukristu uhagarariye abandi akaba n’Umukru w’iyo Centrale yashimiye Umwepiskopi ko yaje kubaramutsa no kubakomeza muri iki gihe cy’igisibo. Bishimiye kumubona cyane ko batari babyiteguye. Bamushimiye uko abazirikana kandi ko igihe abonye umwanya anyaruka akabaramutsa.

Mu Ijmbo rye asoza Igitambo cy'Ukaristiya Musenyeri yashishikarije abakristu ba Centrale ya Nyabirasi guhora biteguye ; cyane ko n'amasomo y'iki cyumweru yadushishikarizaga guhinduka tukaba maso kugira ngo umunsi wa Nyagasani utazadutungura. Yashoje abasaba kongera imbaraga mu bikorwa byo kwitegura Paruwasi ya Nyabirasi cyane cyane nko kubaka amacumbi y'aho abapadiri bazacumbika. Yabifurije igisibo cyiza cyibategurira kuzahimbaza mu byishimo ibirori bya Pasika.

Padiri Jean Marie KWIZERA